**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA KIREHE**

Kirehe kuwa 05/04/2022
Ref: N°...3754../07.05.05

**Bwana HABIMANA Fabrice**
**Umuyobozi wa Commission Connect Team ltd**
**0788 477 092**

**Impamvu: Gusubiza ibaruwa yawe**

Bwana;

Nshimgiye ku ibaruwa watwandikiye kuwa **04/04/2022** udusaba kuguhuza n'Ubuyobozi bw'ibigo by'amashuri byo mu Karere ka **Kirehe** kugira ngo ubagezeho serivisi z'ubucuruzi bujyanye n'ikoranabuhanga ry'inzogera ku mashuri **(Automatic School bell)** n'icyuma kigenzura ubwitabire mu kazi gikoresheje isura **(Face recognition Attendance System)** nkuko biri muri **TO WHOM IT MAY CONCERN** wahawe na Minisiteri y'Uburezi kuwa **10/03/2022.**

Nejejwe no kukumenyesha ko wemerewe kugera mu bigo by'amashuri byo mu karere ka **Kirehe** ukabagaragariza akamaro n'ubwiza bwa serivisi ucuruza kugira ngo abumva bazishimye kandi babifitiye ubushobozi bazakubere abaguzi mu bwumvikane bwubahiriza amabwiriza ku mikoreshereze y'umutungo wa Leta.

Mugire amahoro.

**RANGIRA Bruno**
Umuyobozi w'Akarere ka **Kirehe**

**Bimenyeshejwe:**

- Madamu/Bwana Umuyobozi w'Akarere Wungirije **(bombi)**
- Bwana Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka **Kirehe**
- Madamu Umuyobozi Mukuru w'Imirimo Rusange mu Karere ka **Kirehe**
- Bwana Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa.................(bose)
- Bwana/Mme/Mlle Umuyobozi w'Ikigo cy'amashuri cya ...................(bose)



CamScanner